Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
**Akarere ka Karongi**

# INKINGI Z'IMPINDURAMATWARA ZA KARONGI
## NEWSLETTER

***"UBUFATANYE, UMURIMO UNOZE, TWIHUTE MU ITERAMBERE"***



# INKURU NYAMUKURU

## NYAKANGA 2023



### ICYEREKEZO CY'IGIHUGU KIDUSABA GUHORA TWISHAKAMO IBISUBIZO-MINISITIRI KAYISIRE

Soma Paji ya 01



### ABAYOBOZI KUVA KU RWEGO RW'AKARERE KUGEZA KU MUDUGUDU BITABIRIYE INAMA MPUZABIKORWA

Soma Paji ya 09



### KARONGI: MINISITIRI NKULIKIYINKA CHRISTINE YATASHYE URUGANDA RUGEZWEHO RUTUNGANYA IBIKOMOKA MU BITI

Soma Paji ya 08



### UBUTUMWA BW'UMUYOBOZI W'AKARERE KU MUNSI WO KWIBOHORA

Soma Paji ya 04



### KWIBOHORA 2025: HATASHYWE ISHURI RY'ICYITEGERerezo RYA MUBUGA TSS

Soma Paji ya 03



### UMUYOBOZI W'AKARERE YASOBANUYE AKAMARO KA GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO

Soma Paji ya 12

# ICYEREKEZO CY'IGIHUGU KIDUSABA GUHORA TWISHAKAMO IBISUBIZO-MINISITIRI KAYISIRE



umunyamabanga wa Leta muri Minaloc n'abandi bayobozi mu gutaha inzu zubakiwe abatishoboye

Mu gihe u Rwanda rwiteguraga kwizihiza umunsi wo kwibohora uba ku wa 4 Nyakanga buri mwaka, kuri uyu wa 3 Nyakanga 2025, mu Karere ka Karongi hatashywe inzu 8 zubakiwe abaturage batishoboye, ku bufatanye bw'Akarere n'abafatanyabikorwa barimo inzego z'umutekano z'u Rwanda ndetse n'abasirikare bo muri Tanzania, bari muri gahunda y'uburinzi n'ubutwererane mu by'umutekano bo mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba batanze amakaro n'ibigega byazishyizweho.

Izi nzu zigizwe n'ibyumba bitatu n'uruganiriro, igikoni, ubwiherero n'ubwogero zubatswe mu Mudugudu wa Nyenyeri, mu Kagari ka Gacaca mu Murenge wa Rubengera, zubatswe muri gahunda y' ibikorwa by'inzego z'umutekano mu gufasha abaturage mu mibereho myiza n'iterambere. Ni ibikorwa byateguwe ku nsanganyamatsiko igira iti "Ubufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano mu kwizihiza kwibohora 31 n'imyaka 25 y'imikoranire na Polisi y'u Rwanda."

Ni igikorwa cyitabiriwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu, Madamu Kayisire Marie Solange wari umushyitsi mukuru. Hari kandi Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, abasirikare bo muri Tanzania, bayobowe na Brig Gen Mwanziva bari muri gahunda y'uburinzi n'ubutwererane mu by'umutekano bo mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba ndetse n'abagize inzego z'umutekano mu Rwanda.

Muragijimana Josee, wavuze mu izina ryabahawe inzu yashimiye abatekereje ko bakwiye kubaho neza bahabwa inzu zijyanye n'igihe, asezeranya kuzibungabunga kugirango zibafashe kwiteza imbere.

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Muzungu Gerald yavuze ko bubatse izi nzu ku bufatanye n'izindi nzego mu rwego rwo kurinda abaturage kugira imibereho mibi, ishobora no gutera bamwe kwishora mu byaha nubwo ntawe ukwiye kubigira urwitwazo, abasaba kuzibungabunga.

Brig Gen Mwanziva wari uyoboye abasirikare bo muri Tanzania bari muri gahunda y'uburinzi n'ubutwererane mu by'umutekano bo mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba yashimye ibi bikorwa ndetse n'ubu bufatanye, avuga ko nagera iwabo azabibaganiriza nabo bakabyigana.

Madamu Kayisire yashimye ibi bikorwa by'inzego z'umutekano, avuga ko ari gahunda yakomeje kwimakaza indagagaciro z'ubwitange n'ubufafatabnye hagati y'inzego z'umutekano n'abaturage.

Ahareye ku nyubako zubakiwe aba baturage, yagaragaje ko hari n'ibindi izi nzego zagiye zibakorera mu rwgeo rwo guharanira imibereho myiza yabo.

Ati "*Ibyo bikorwa si inyubako gusa, ahubwo ni ukwiha agaciro no kwikemurira ibibazo dufite byerekeranye no kwigira no kwiteza imbere mu murongo w'icyerekezo cy'Igihugu tuyobowemo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika w 'Igihugu cyacu akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda. Icyo cyerekezo kidutegeka guhora dushyize imbere kwishakamo ibisubizo, no guharanira umutekano, umusingi w'iterambere tugomba kugira umusembura w'impinduka nziza n'imibereho myiza y'abaturage.*"

# IMIRIMO YO KUBAKA UMUHANDA WA KABURIMBO KIBUYE-KIZIBA IGEZE AHARIMBANYIJE



uwahoze ari Umunyamabanga Uhoraho muri MINEMA n'abandi bayobozi basura ikorwa ry'umuhanda

Tariki ya 3 Nyakanga 2025, Uwari Umunyamabanga uhoraho wa Leta muri Minisiteri ishinzwe ibikorwa by'ubutabazi (Ministry in Charge of Emergency Management -MINEMA) Habinshuti Philippe ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Madamu Ntakirutimana Julienne basuye imirimo y'ikorwa ry'umuhanda Kibuye-Kiziba.

Uyu muhanda urimo kubakwa biciye mu mushinga Jya Mbere ugamije guhindura imibereho y'impunzi n'abaturage bazakiriye.

Kugeza ubu uyu muhanda ugeze ku kigero cya 70% ugana ku musozo, biteganyijwe ko imirimo yawo izasoza mu mpera z'uyu mwaka wa 2025. Biteganyijwe ko imirimo yawo (Kibuye-Kiziba) izarangira itwaye amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari 17.

Uyu muhanda uzafasha mu kongera ubuhahirane n'itumanaho hagati y'imirenge itandukanye y'Akarere ka Karongi, harimo n'iterambere ry'impunzi ziba mu Nkambi ya Kiziba.

Ikorwa ry'iki gice cya mbere rirabimburira umushinga mugari wo kubaka umuhanda Kibuye–Karongi–Gisovu–Uwisumo.



Abakora umuhanda baganira n'abayobozi





Basura umuhanda

# KWIBOHORA 2025: HATASHYWE ISHURI RY'ICYITEGERERERZO RYA MUBUGA TSS



Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Bwana Muzungu Gerald afungura ku mugaragaro Mubuga TSS

Tariki ya 4 Nyakanga 2025, u Rwanda rwizihizaga umunsi wo kwibohora ku nshuro ya 31, Akarere ka Karongi nako kifatanyije n'abagatuye mu kwizihiza uyu munsi, mu birori byabereye mu Murenge wa Mubuga mu ishuri rya Mubuga TSS, ryanatashywe ku mugaragaro uwo munsi.

Umuhango wo kuritaha wafunguwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Bwana Muzungu Gerald, wari kumwe n'abayobozi batandukanye barimo ab'inzego z'umutekano n'abandi.

Umuyobozi wa Mubuga TSS, Bwana Dusabimana Jean Baptiste yatambagije iki kigo, abitabiriye uyu muhango, ni ikigo kigizwe ahanini n'inyubako zigeretse. Yaberetse imashini zigezweho gifite zifashishwa n'abiga ikoranabuhanga mu bijyaye n'amashanyarazi ndetse n'abiga gukora gahunda za mudasobwa (Software Development & Electrical Technology).

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko iyubakwa ry'iki kigo ryerekana ubushake bwa Leta mu guharanira ko abana bose biga, kandi neza ndetse nta vangura na rimwe ribayeho nkuko byahoze muri leta zayoboye u Rwanda mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yunzemo ko abahiga bahabonera ubumenyi burambye bezakomeza kubateza imbere, bitandukanye n'uguha amaramuko y'igihe gito, uyahabwa akumva birahagije ntashyire imbaraga mu guharanira ibizaramba.

Akomoza ku bumenyi Akarere kifuza kugeza ku baturage gafatanyije n'abafatanyabikorwa bako, yagarutse ku bijyanye no kuvugurura urutoki ndetse no gushyira imbaraga mu guhinga ibirayi bigatanga umusaruro ukwiye, ku buryo abaturage bazihaza, bagasagurira isoko; mu Karere ka Karongi hakajya hacicikana imodoka zipakiye ibirayi zibijyana ku isoko nkuko bigaragara muri tumwe mu turere turimo aka Musanze.

Meya Muzungu ati " Iri shuri rizatubere imbarutso yo guteza imbere ubukungu bwacu."
Uyu munsi wasojwe n'ubusabane ndetse no gutarama mu mbyino Nyarwanda zirata ubutwari bw'ababohoye u Rwanda.

Iri shuri biteganyijwe ko rizongererwa amashami rimaze gutwara amafaranga y'u Rwanda asaga miliyari na miliyoni 500, kandi imirimo yo kuryagura irakomeje.

Muri uyu muhango kandi habayeho no kuremera imiryango itishoboye, igikorwa cyakozwe n'abagize inama y'Igihugu y'abagore mu Murenge wa Mubuga



Ishuri rya Mubuga TSS

# UBUTUMWA BW'UMUYOBOZI W'AKARERE KU MUNSI WO KWIBOHORA



Umuyobozi w'Akarere, Bwana Muzungu Gerald atanga ubutumwa

Tariki ya 4 Nyakanga 2025, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi ari kumwe n'abandi batandukanye barimo abagize inzego z'umutekano bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Mubuga mu kwizihiza umunsi wo kwibohora, mu birori byabereye kuri TSS Mubuga.

Ni ibirori byaranzwe n'imbyino, imyidagaduro, imivugo n'ibindi byifashishijwe mu gususurutsa ababyitabiriye.

Umushyitsi mukuru wari uhari ni Umuyobozi w'Akarere, Bwana Muzungu Gerald, wagejeje ku baturage ubutumwa bukurikira:

*Uyu munsi turi hamwe kugira ngo twizihize ku nshuro ya 31 Umunsi Mukuru wo Kwibohora, umunsi ukomeye mu mateka y'Igihugu cyacu. Tariki ya 04 Nyakanga 1994 ni umunsi udasanzwe, umunsi warangije ibihe by'icuraburindi, Jenoside yakorewe Abatutsi, ivangura, ubukene bukabije n'ubuyobozi bubi. Ni umunsi wagaruye icyizere mu Banyarwanda, wagaruye ubuzima, ubumwe n'ituze.*

*Turashimira Intwari zarwaniye u Rwanda, zarwitangiye ndetse n'abayobozi b'Igihugu cyacu, by'umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME, ku buyobozi bwe bwiza bwaduhaye icyerekezo cyo Kwibohora burundu.*

*Kwibohora ntabwo ari amateka gusa ni urugendo tugikomeje. Turashima intambwe imaze guterwa mu guteza imbere imiyoborere myiza, iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.*

*Abaturage bagira uruhare mu miyoborere, serivisi zegerezwa abaturage, uburenganzira bwa muntu burubahirizwa. Imihanda, amashanyarazi, amazi meza, ubuhinzi bwateye imbere; ibikorwa by'ubucuruzi biriyongera. Iyo Uburere, uburezi, ubuvuzi n'imibereho y'umuturage biri ku isonga, ubukene buragabanuka.*

*N'ubwo hari byinshi byiza byagezweho, urugamba ntirurarangira. Ubu turwana intambara yo kurandura ubukene, kwihutisha iterambere no gusigasira ibyagezweho.*


*Uyu munsi turasabwa:*
*Gukomeza kubumbatira ubumwe n'umutekano, gukunda Igihugu no kukitangira, gukorera ku ntego no kwihesha agaciro, gufatanya n'abayobozi mu rugamba rwo kwiteza imbere, Kwigira, kudategereza ak'i Muhana, ahubwo tugaharanira ejo hazaza heza.*

*Turashishikariza abaturage bose kugira uruhare mu biganiro, gutanga ibitekerezo no kwiyemeza gukomeza urugamba rwo kwibohora burundu. Ni wo murage mwiza twasigira abazadukomokaho.*

*Ndagira ngo nsoze nshimira buri wese uri hano, tunashimire abafatanyabikorwa bacu n'inzego zose zagiye zifatanya n'abaturage mu kubaka Igihugu cyacu. Dufatanyirize hamwe kugira ngo u Rwanda rwacu ruhore rutekanye, rutera imbere kandi rwubakitse ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda n'ubumwe bw'abarutuye.*

*Kwibohora ni urugendo, ni inshingano, ni umurage! Buri wese agire uruhare mu gusigasira ibyo twagezeho no kurushaho kubaka u Rwanda twifuza. Murakoze*

# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWASANZE ABATURAGE BUBAHA SERIVISI Z'UBUTAKA




Guhera tariki ya 7 Nyakanga kugeza mu Ukuboza 2025, abatanga serivisi z'ubutaka mu Karere barimo kuzenguruka imirenge batanga izo serivisi. Ni muri gahunda Akarere ka Karongi kihaye y'igihe cy'amezi atatu yahariwe imitangire ivuguruye ya serivisi z'ubutaka.

Ubwo iki gikorwa cyatangirizwaga ku mugaragaro mu Murenge wa Gishyita, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Ngarambe Vedaste yavuze ko ari igihe bihaye cyo kwegera abaturage, bakabagezaho ibibazo n'imbogamizi bafite ku bijyanye n'ubutaka bwabo bakabafasha kubikemura.

Yasabye abaturage kwegera abatanga izo serivisi barimo kubasanga mu tugari batuyemo, mu rwego rwo guhoza umuturage ku isonga.

Yasabye ababa badasobanukiwe imikoreshereze y'ubutaka bwabo nabo kubigaragaza bagafashwa, dore ko Akarere gahira kabifuriza ibyiza, birimo kubegereza ibikorwa remezo kugirango ubutaka bwabo bukomeze kugira agaciro.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Madamu Ntakirutimana Julienne yasabye abaturage kwitabira izi serivisi muri iki gihe, kwandikisha ubutaka bwabo no kubukoresha icyo bwagenewe birimo kubuhingaho ibyatoranyijwe bityo bukabakiza.



Perezida w'Inama Njyanama na Visi Meya baganiriza abaturage

# ABAGIZE URWEGO DASSO BOROJE INKA UMUTURAGE UTISHOBOYE



DASSO n'abandi bayobozi bashyikiriza inka uwayorojwe

Abagize urwego DASSO mu Karere ka Karongi boroje inka umuturage utishoboye. Ni igikorwa bakoze ku wa 8 Nyakanga 2025, Kibera mu Murenge wa Bwishyura.
Bagaruka Fabrice ukuriye uru rwego mu Krarere yasobanuye impamvu y'iki gikorwa.

Ati "Uru rwego rwashyiriweho abaturage, bityo bakaba basobanukiwe neza ibibazo bafite, bityo bakagira uruhare mu kubishakira ibisubizo, ni muri urwo rwego, urwego rwacu rwa Dasso rwageneye umuturage witwa Uwihoreye Solange, inka ihaka y'inzungu ifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda akabakaba miliyoni."

Bagaruka akomeza avuga ko atari ubwa mbere bakoze igikorwa nk'iki kuko mu myaka ishize bagiye bakora ibirimo kubakira abadafite aho kuba, gutanga ubwisungane mu kwivuza, n'ibindi bakabikorera abafatanyabikorwa mu gucunga umutekano, mu rwego rwo kwisanisha nabo bakabibonamo, bigakomeza cya cyizere abaturage bafitiye inzego z'umutekano.

Uyu muturage kandi yubakiwe ikiraro cy'iyi nka, ihabwa ubwishingizi ndetse n'ibindi bikoresho bitandukanye byo kuyitaho.

Uwihoreye wahawe iyi nka yavuze ko anejejwe no kuyihabwa kandi izamufasha kwiteza imbere akava mu bukene; biciye mu kumuha ifumbire yo gufumbira ubutaka bwe, kumuha amata azareresha abana be, bityo akaba abasabira umugisha.

Ati " Dasso nzajya mubona, mubonemo papa, mubonemo mama, bankoreye igikorwa n'ababyeyi banjye batankorera, biranshimishije, Imana ibampere umugisha.

Ku ruhande rw'Ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi, Visi Meya, Umuhoza Pascasie avuga ko ubutumwa burimo ari uko u Rwanda ruzubakwa n'Abanyarwanda, kandi inzego z'umutekano zifatanya umunsi ku wundi n'inzego za Leta mu kuzamura imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage; gufasha abaturage kubaho neza no gutera imbere ni uruhare rwa buri wese.

Madamu Umuhoza yasabye uwahawe iyi nka kuyitaho; akayorora neza ikazamufasha kwiteza imbere we n'abo azitura.

# GUVERINERI NTIBITURA YASABYE ABATUYE UMURENGE WA MURUNDI KUGIRA IMITEKEREREZE ICYEYE



Guverineri Ntibitura Jean Bosco aganira n'abatuye Bukiro

Tariki ya 10 Nyakanga 2025, Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Ntibitura Jean Bosco ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye mu Ntara no mu Karere ka Karongi basuye abatuye Akagari ka Bukiro mu Murenge wa Murundi mu rwego rwo kubegera, kuganira kuri gahunda zibateza imbere no kubakemurira ibibazo.

Guverineri Ntibitura yasabye aba baturage kugira imitekerereze icyeye kuko ari yo izatuma n'ibindi byose bicya; binoga. Yabasabye kandi gutangira amakuru ku gihe ku hari ibibazo, kuko umutekano ari ingenzi; wubakiyeho ibyo abantu bakora byose.

Yabasabye kandi kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside n'iyindi mitekerereze yose itajyanye n'aho Igihugu kiganisha Abanyarwanda. Muri ibyo yibukije aba baturage kwitabira irondo uko bikwiye.



Meya Muzungu abaganiriza

Ati " Ndabibutsa kandi kwitabira irondo, kurishyiramo imbaraga twicungira umutekano, niha hari ibyaha tubigaragaze hakiri kare, ni ko gukumira."

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi na we yabaganirije kuri gahunda za Leta zirimo gushyira imbere isuku ahantu hose, aho batuye no ku mubiri, cyane bakibuka koza amenyo kuko nkuko umuntu avana icyondo ku muhini w'isuka n'amenyo aba akeneye gusukurwa nyuma ya buri funguro.

Iyo suku kandi ngo igomba kuba mu ngo, abantu bakagira ibimoteri bibiri; ahashyirwa imyanda ibora n'ahandi hashyirwa itabora, bagakurungira inzu, bakirinda indwara ariko banishyura ubwisungane mu kwivuza, ndetse bakitabira gahunda yo kuvugurura urutoki no guhinga ibirayi, mu rwego rwo kwita ku buzima bwabo.



Guverineri n'abagize inzego z'umutekano

# KARONGI: MINISITIRI NKULIKIYINKA YATASHYE URUGANDA RUGEZWEHO RUTUNGANYA IBIKOMOKA MU BITI



Bafungura ku mugaragaro uruganda MT Woodtec Solutions Ltd

Mu Karere ka Karongi hatashywe ku mugaragaro uruganda MT Woodtec Solutions Ltd rutunganya ibikomoka ku biti rufite agaciro ka Frw asaga miliyari na miliyoni 500. Rwafunguwe na Amb. Nkulikiyinka Christine, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'umurimo Ku wa 15 Nyakanga 2025, rufite abakozi bahoraho 20 n'abadahoraho 10.

Umuyobozi w'uru ruganda Ndoreyaho Theophile arusobanura agira ati:

"Nabaye umwarimu wigisha ububaji muri RTSS Rubengera, mbikora mbikunze bimpa igitekerezo cyo gushinga uru ruganda. Nahisemo kurushinga hano i Karongi kuko ariho mvuka nk'Akarere k'icyaro nasanze nako kagomba kubona ibyiza nk'ibi.

Uru ruganda ruzafasha urubyiruko mu kuruha akazi n'amahugurwa y'igihe gito rwimenyereza ku murimo, ikindi ni uko ibikoresho byinshi ruzifashisha bizaturuka hafi yarwo; abaturage babone amafaranga yo kwikenura.

Yungamo ati "Ibikoresho tuzajya dukora bizakemura ikibazo cy'ibyo abantu batumizaga mu mahanga kubera ubuhanga bizaba bikoranywe bitewe n'imashini dufite zo kubikora, zigeze bwa mbere mu Rwanda. Kuri ubu twabonye isoko mu Budage no muri Suwede."

Meya wa Karongi, Muzungu Gerald yavuga ko ari amahirwe ku Karere kugira uruganda nk'uru.

Ati "ruzatanga akazi ku baturage bacu kandi n'abafite amashyamba babone amafaranga y'ibyo bazagurisha hano. Ni uruganda rwa mbere tubonye muri aka karere ndetse no mu Gihugu rutunganya ibikomoka ku biti. Ni igisubizo kije gukemura ibyo twatumizaga mu mahanga byazaga binahenze. Turizeza ba nyir'uruganda ko tuzafatanya mu gukomeza gutuma rutera imbere kubera akamaro rudufitiye mu guhindura imibereho y'abaturage bacu."

Minisitiri Nkulikiyinka Christine yavuze ko ari igikorwa kiza cy'indashyikirwa ku gihugu.

Ati "Ruje kugabanya umubare w'ibyo twatumizaga mu mahanga bikozwe mu biti kandi rufashe n'abakiri bato kwigira ku murimo. Izi mashini ni ubwa mbere zigeze mu Rwanda bityo bikaba bitanga ikizere ko ibizakorerwa hano bizaba bifite ireme. Turashimira abavandimwe bo Mubudage bagize uruhare mu gutuma uru ruganda rubaho. Ni igitekerezo bagize kuva mu mwaka wa 2013 aho bifuzaga gushinga uruganda i Rubengera aho batangiye bashinga ishuri rya RTSS rya Rubengera none intego igezweho. Ni igikorwa kishimiwe na Leta y'u Rwanda kigaragaza umubano mwiza dufitanye n'u Budage.

# ABAYOBOZI KUVA KU RWEGO RW'AKARERE KUGEZA KU MUDUGUDU BITABIRIYE INAMA MPUZABIKORWA



Abitabiriye inama mpuzabikorwa mu Birambo bya Gashari

Ku wa 17na 18 Nyakanga 2025, abayobozi basaga 1000 bo ku rwego rw'Akarere kugeza ku rw'Umudugudu bateraniye mu Nama Mpuzabikorwa y'Akarere ka Karongi yabereye mu Birambo bya Gashari ku munsi wa mbere ahahuriye none imirenge 5 yo muri aka Karere. Hari umushyitsi mukuru, Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Bwana Ntibitura Jean Bosco.
ku munsi wa kabiri yabereye i Rubengera ku biro by'Akarere, aho umushyitsi mukuru yari Umuyobozi w'Akarere Muzungu Gerald

Bwana Muzungu Gerald atangiza iyi nama ku munsi wa mbere yavuze ko ari umwanya wo gutekereza ku rugendo batangiye rugamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage, bagahora ku isonga, Akarere kakaza ku isonga mu kubateza imbere, bijyana n'impinduka zikorwa.

Ku munsi wa kabiri, Bwana Muzungu Gerald, atangiza iyi nama Mpuzabikorwa yavuze ko ari inama iba kabiri mu mwaka, bimwe mu byo isuzumirwamo birimo icyerekezo cy'Akarere. Yasabye buri wese kuyikurikira agatanga umusanzu we bigafasha guhoza umuturage ku isonga mu bikorwa byose.

Guverineri Ntibitura Jean Bosco yasabye abayobozi kuyobora neza no gutanga amakuru y'ukuri, bigafasha mu igenamigambi. Yabasabye guhinduka mu mutwe, mu mutima no mu mufuka ariko batiharira iby'abaturage. Yabasabye kandi gukomera ku cyizere Igihugu cyabagiriye.

Bwana Ntibitura Jean Bosco asoza inama mpuzabikorwa y'Akarere ka Karongi, yasabye abayobozi gutanga amakuru anoze ku gihe, ko utayatanga aba atabanira abaturage, abasaba gukora bagamije iterambere n'imibereho myiza y'abo bayobora kandi ko utubahirije inshingano abibazwa,



Abitabiriye inama ku munsi wa kabiri i Rubengera

# ABASHINZWE UBUREZI MU KARERE BAHURIYE MU MWIHERERO WO KUBUNOZA KURUSHAHO



Abashinzwe uburezi bari mu mwiherero

Guhera tariki ya 21 Nyakanga 2025, abashinzwe uburezi mu Karere ka Karongi, ni ukuvuga abakozi bo mu ishami ry'uburezi ku rwego rw'Akarere n'abashinzwe uburezi ku rwgeo rw'Imirenge igize aka Karere bateraniye mu mwiherero w'iminsi itatu urimo kubera mu Murenge wa Bwishyura muri aka Karere.

Uyu mwiherero watangijwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Aakarere wungirije ushinzwe imibereho myiza, Madamu Umuhoza Pascasie wagarutse ku ruhare rw'umuyobozi mu kubaka uburezi bufite ireme.

Yagarutse ku kamaro ko kubaka uburezi buherewe mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza kuko ubumenyi umwana ahakura ari bwo bumuherekeza nu rugendo rw'amasomo ye yose mu bindi byiciro byose aba aziga.

Yabasabye kureba abarimu b'Intarumikwa akaba aribo bashyirwa muri icyo cyiciro, bityo bikazatuma abarerwa bagera ku rwgeo rwifuzwa.

Yabasabye kandi kwegera abayobozi b'amashuri kenshi gashoboka hagamijwe kububakira ubushobozi m micungire y'amashuri.

Bimwe mu byo abitabiriye uyu mwiherero batahanye birimo gukorera hamwe nk'itsinda rimwe, gushyira mu buryo amakuru yinjizwa muri sisitemu yifashishwa mu burezi (SDMS) kugira ngo bifashe mu igenamigambi ry'ejo hazaza, gukurikirana no kwita ku bikorwaremezo by'amashuri, cyane cyane isuku n'isuku yo mu mashuri.

Yabasabye kandi gucunga neza ibiribwa bigenerwa abana b'amashuri no kubyandika neza, gushyira imbere intego z'imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026, haba ku bakozi ku rwego rw'akarere ndetse n'abayobozi b'amashuri ndetse no guteza imbere ireme ry'uburezi hibandwa ku musaruro w'abanyeshuri mu bizamini bya Leta.



Umuyobozi w'ishami ry'uburezi mu Karere, Bwana Barera Pacifique atanga ikiganiro

# ABAGIZE KOMITE NYOBOZI BITABIRIYE INTEKO Z'ABATURAGE BABAGANIRIZA KU KWISHAKAMO UBUSHOBOZI



Umuyobozi w'Akarere ari mu nteko y'abaturage

Abagize Komite nyobozi y'Akarere ka Karongi bitabiriye inteko z'abaturage mu Mirenge itandukanye y'Akarere, kuri uyu wa Kabiri tariki 22 Nyakanga 2025 baganiriza abaturage kuri gahunda za Leta zishishikariza abaturage kwishakamo ubushobozi bwo kwiteza imbere zirimo mituweli, Ejo Heza n'ibindi.

Umuyobozi w'Akarere, Muzungu Gerald yayitabiriye mu Kagari ka Kinyonzwe mu Murenge wa Mutuntu, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Ntakirutimana Julienne yayitabiriye mu Kagari ka Gitabura mu Murenge wa Twumba, mu gihe Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza Umuhoza Pascasie yayitabiriye mu Kagari ka Rufungo mu Murenge wa Rugabano.

Meya MUZUNGU Gerard yagiye muri aka Kagari ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere aho bakiriwe n'Umunyamabanga nshingwabikorwa w'aka Kagari ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mutuntu NTAGANDA Wilson.

Baganiriye ku ngingo zirimo umutekano, mituweli, kwirinda no gukumira amakimbirane mu muryango muri gahunda yo kugira umuryango utekanye, kwibumbira mu matsinda mu rwego rwo kwiteza imbere no kuzamuka mu mibereho myiza, gusigasira ibikorwa by'iterambere byagezweho n'ibikorwa remezo no guharanira kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi, guharanira kugira umuco w'isuku n'ibindi.

Umuyobozi w'Akarere kandi yasuye ibiro by'Akagari ka Kinyonzwe birimo kubakwa ndetse n'ibiraro by'ingurube birimo kubakwa muri uwo Murenge biri mu mihigo y'Akarere.

Mu Kagari ka Rufungo, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza Umuhoza Pascasie yayoboye igikorwa cyo gutoranya abaturage bazahabwa inka n'umushinga ugamije guteza imbere Inka zitanga Umukamo (Rwanda Dairy Development Project (RDDP) mu cyiciro cyawo cya kabiri, igikorwa cyabereye mu nteko y'abaturage, abazazihabwa bakaba baratoranyijwe na bagenzi babo baturuka mu Kagari kamwe.

# UMUYOBOZI W'AKARERE MUZUNGU GERALD YASOBANUYE AKAMARO KA GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO



Meya Muzungu yagereye urubyiruko kugirango baganire

Ku wa Gatatu tariki 23 Nyakanga 2025, mu Karere ka Karongi kimwe n'ahandi mu gihugu hatangijwe gahunda y'intore mu biruhuko.

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Bwana Muzungu Gerald ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye, abafatanyabikorwa n'abatoza b'intore, yatangije ku mugaragaro gahunda yo kwita ku rubyiruko ruri mu biruhuko yiswe Intore mu biruhuko, ifite insnaganyamatsiko igira iti ubuzima bwiza, agaciro kanjye.

Yavuze ko ari igikorwa gifite umumaro ukomeye wo gukomeza uburere ry'abana n'urubyiruko rwacu.

Yibukije ko insanganyamatsiko ikangurira urubyiruko n'abana kwiyubaka, kugira ubuzima bwiza, kwirinda ibishuko byo mu biruhuko ndetse no gusigasira umuco n'indangagaciro z'abanyarwanda.

Yunzemo ko abana n'urubyiruko bagize igice kini cy'abatuye u Rwanda bityo ko bakwiye kwitabwahobakarindwa kuba bajya mu ngeso mbi zibangiriza ubuzima muri ibi bihe by'ibiruhuko; bagatozwa gukunda igihugu, kwita ku buzima bwabo, bagafashwa kwidagadura, kuvumbura no gukuza impano. Muri iki gikorwa abahize abanda mu kwerekana impano yo kubyina bahawe ishimwe.

Ku rwego rw'Akarere iki gikorwa cyatangirijwe kuri Etoile Rubengera mu Murenge wa Rubengera, ku rwego rw'Akarere hari site zifasha uru rubyiruko muri iyi gahunda 13 z'icyitegererezo, na 88 zisanzwe muri buri Kagari.



Abitabiriye gahunda y'intore mu biruhuko

# ABAYOBOZI BAGARUTSE KU RUBYIRUKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA WAHARIWE ABATURAGE



Abayobozi bacinya akadiho

Abayobozi barimo Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Bwana Ntibitura Jean Bosco, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Muzungu Gerald n'uhagarariye ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku baturage (UNFPA) bashishaikarije urubyiruko kubyaza umusaruro amahirwe Igihugu cyabahaye.

Hari mu gikorwa cyabereye mu Karere ka Karongi ahizihirijwe umunsi mpuzamahanga w'abaturage ku rwego rw'Igihugu.

Uyu munsi wari ufite Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti:"Urubyiruko Rufite Ubuzima Bwiza kandi Rushoboye: Umusingi w'Iterambere ry'u Rwanda".
Guverineri Ntibitura yavuze ko umunsi mpuzamahanga w'abaturage wizihizwa hagamijwe gukangurira abaturage guhuza ihindagurika ry'imibare y'abaturage n'imiterere yabo n' iterambere rirambye, ubuzima, n'uburenganzira bwa muntu.

Meya wa Karongi, Muzungu Gerald yagize ati "Nk'uko tubizi, abarenga 70% by'Abanyarwanda bari munsi y'imyaka 35, naho 27% bakaba bari hagati y'imyaka 16–30. Ibi biduha ishusho nyayo y'uko urubyiruko ari igice cy'ingenzi tugomba gushyiraho imbaraga, amahugurwa, ubuvuzi n'ubuyobozi bubafasha kwigira no gutanga umusanzu mu iterambere."

Yungamo ati "Uyu munsi ni umwanya wo gusubiza amaso inyuma tukareba aho tugeze mu guteza imbere urubyiruko binyuze mu burezi, ubuvuzi, ubukungu n'uburenganzira bwo gufata ibyemezo bijyanye n'imibereho yabo. Ariko ni n'umwanya wo kwisuzuma, tukemera ko hakiri inzitizi zibabuza kugera ku nzozi zabo harimo ubushomeri, kutagira serivisi z'ubuzima bw'imyororokere zibegereye zihagije, imbogamizi mu kubona igishoro n'ubumenyi bijyanye n'igihe.

Umuyobozi wa UNFPA mu Rwanda, Dr. Adelakin Olugbemiga yavuze ko garagaje ko kwizihiza uyu munsi Mpuzamahanga ari umwanya wo gusubiza amaso inyuma no kureba imbere twibaza uko igihugu cyakoresha neza umutungo wacyo ukomeye kurusha indi—urubyiruko.

Yibukije ko 70% by'Abanyarwanda ari urubyiruko, bityo rukaba rutari ejo hazaza gusa, ahubwo ari imbaraga z'uyu munsi. Yashimangiye ko Leta y'u Rwanda yateye intambwe ikomeye mu gushora imari mu rubyiruko binyuze mu burezi, ubuzima, ikoranabuhanga n'ubushobozi bw'imitangire ya serivisi.

# ITSINDA RYAGUYE RY'UBUREZI MU KARERE KA KARONGI RYASABWE UMUSANZU MU KUBUTEZA IMBERE



Abagize itsinda ryaguye ry'uburezi mu Karere ka Karongi

Ku wa 30 Nyakanga 2025, ku biro by'Akarere habereye inama yahuje abagize itsinda ryaguye ry'uburezi mu Karere ka Karongi.

Atangiza iyo nama Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza Madamu Umuhoza Pascasie yabasabye umusanzu wabo ukwiye, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda za Leta zo guteza imbere uburezi muri rusange no kuzamura ubumenyi bw'ibanze mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Yagize ati "Turasabwa gukoresha imbaraga nyinshi kugirango umusaruro witezwe mu burezi uboneke; tuzawugereho uko bikwiye, kurera ni uguteganyiriza eho hazaza heza h'imiryango yacu, Akarere kacu n'Igihugu muri rusange."

Ku ruhande rw'abitabiriye iyi nama, Kampundu Marie Rose, uyobora ishuri rya GS Musango, avuga ko iri tsinda abona rizatanga umusaruro kuko bifashishije uburyo bugezweho bwo kubika amakuru no kuyashyira ku murongo buri munsi bizatuma nta gitakara, bityo bakamenya amakuru yose ku myigire y'abana, abataye ishuri, abimukiye ahandi n'ibindi bizabafasha mu igenamigambi.

Ikindi agaragaza cyiza ni uko bazajya bakora inama buri kwezi, bagaragaze uko uburezi buhagaze, basure amashuri basangire amakuru yo kunoza ireme ry'uburezi, bakemura ibibazo ndetse n'imbogamizi bashobora guhura nazo.

Iri tsinda rigizwe n'abakozi b'Akarere, abashinzwe uburezi ku rwego rw'imirenge yose igize Akarere n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye.

# HATERANYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI



Abagize biro y'Inama Njyanama y'Akarere

Ku wa 30 Nyakanga 2025, Abagize inama Njyanama y'Akarere ka Karongi bahuriye mu nama idasanzwe yarebeye hamwe ibijyanye kwemeza igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko y'umwaka wa 2025-2026 no kwemeza urutonde rw'ibiciro by'imisoro y'umwaka wa 2025-2026.

Iyi nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yabereye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Karongi yitabirwa n'abajyanama bari hejuru y'abasabwa ngo iyi nama itangire imirimo yayo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Madamu Narangwe Celestine Liliane yagaragaje ibiri mu masoko atandukanye y'aka Karere mu mwaka w'ingengo y'imari 2025/2026, arimo ibizakorwa mu Karere no mu Mirenge.



Hemejwe kandi urutonde rw'ibiciro bizakurikizwa mu mwaka wa 2025/2026 ndetse n'imicungire y'inyubako za Leta muri aka Karere.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'aka Karere Bwana Ngarambe Vedaste yashimiye abayitabiriye uburyo badahwema kugaragaza umusanzu wabo mu gushyira ibintu ku murongo bagamije guteza imbere Akarere, abagatuye babagiriye icyizere babatora, maze abasaba guhora barajwe ishinga n'icyerekezo cya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika cyo guhoza umuturage ku isonga.



Gitifu





This Newsletter was produced by


NTAKIRUTIMANA Deus
Public Relations, Media and Communication Officer

**Contacts**:

Email: deus.ntakirutimana@karongi.gov.rw
Phone: +250788518907